/.R.C/

RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE DE KIBUNGU
INTARA YA GIHUNYA.-

----

KIBUNGO
3825

ITEKA N°6/1956/GIHUNYA.-

lishyiraho amafranga y'imisogongero n'ay'incungu z'imilimo mu mwaka wa 1956.-

Umutware w'Intara ya Gihunya;

Dushingiye kw'Itegeko ryo ku munsi wa 14 nyakanga 1952, rishinga imitegekere mishya ya Ruanda-Urundi, cyane cyane ku ngingo za 50ikizi f, 48 na 56;

Twitegereje iteka 13/54 ly'uwa 24 ugushyingo ly'Umwami w'Urwanda;

Dushingiye kw'itegeko n°21/86 ryo ku munsi wa 10 nyakanga 1953 ryo Mburamatare wa Ruanda-Urundi, risobanura uburyo Itegeko ryo ku munsi wa 14 nyakanga 1952 rizakurikizwa;

Duhuje imigabo n'Inama y'Intara mu iteraniro ryoyo ryo kuwa .22/12/55.

Tubonye icyemezo cy'Umwami w'Urwanda cyo kuwa.:....

TWEMEJE

Ingingo ya 1.-

Buli muntu wese usora wo mu ntara agomba kuzatanga muli 1956 amafranga y'ibi bikulikira:

a) Amafranga 25 y'umuhanda,
b) Amafranga 27 y'incungu y'umulimo w'amashyamba,
c) Amafranga 30 y'ibigombwa byo mu Ntara.

Ingingo ya 2.-

Ayo mafranga y'ibigombwa byo mu ntara nkuko bisobanuye ku ngingo ya mbere, azakoreshwa ibi:
kubaka kw'ivuliro Intara isanganywe, inzu y'irwalizo ly'abarwayi banduza, inzu irwalirwamo, inzu y'abarwayi bafunguliramo, n'itekero, kuko ibyo byose iryo vuliro libikeneye cyane.-

Ingongo ya 3.-

Ili teka lizatangira gukulikizwa kuva kuwa 1 mutarama 1956.-

Kazo....., k'uwa.22/12/1955.-

Umutware wa Intara,

F. GACINYA.-

Umwanditsi w'Inama,